



MUKURA VICTORY SPORT & LOISIRS
BP 35 BUTARE
HUYE – RWANDA

WERURWE 14, 2022

ITANGAZO

Nyuma y'uko k'umukino wa shampiyona " Primus National League" wahuje ikipe ya MUKURA VS&L na APR FC kuri icyi cyumweru taliki ya 13 WERURWE 2022 hakagaragara abafana benshi kandi binjiye mu mubyigano bikaviramo bamwe gukomereka, uyu munsi taliki ya 14 WERURWE 2022 ubuyobozi bwa MUKURA VSL, FERWAFA, abashinzwe kugurisha amatike ndetse 'izindi nzego bireba zo mu Akarere ka HUYE bahuriye mu nama mu rwego rwo gufatira hamwe ingamba zo kunoza imyinjirize muri stade no gucunga umutekano wayo zashyirwaho kandi zikubahirizwa kuri buri mukino. Hemejwe ko:

1. Umunsi w'umukino imihanda yegereye Stade ya HUYE izajya ikoreshewa gusa n'abaje muri stade.
2. Kugenzura amatike bizajya bikorerwa mu kibuga kiri imbere ya stade ahateganijwe kugirango hubahirizwe nibura metero 100 zisabwa. Mu bufatanye n'abagurisha amatike abafana bazajya basanga abashinzwe kugurisha amatike ndetse ninzego z'umutekano babiteguye kugirango babayobore aho bagomba kwerekeza.
3. Amatike agomba kugurishwa nibuze mbere y'umukino kugirango umunsi w'umukino hashyirwe ingufu mukurebwa amatike yaguzwe ndetse no kwinjiza abantu kuri buri muryango wa stade.
4. Abana baza kuri stade bagomba kuba bari kumwe n'ababyeyi babo cyangwa bakaba ari abanyeshuri batumiwe kandi bambaye imyenda ibaranga.
5. Imiryango ya stade igomba kujya ifungurwa amasaha 3 mbere y'uko umukino utangira ariko ishobora no gufungurwa mbere yaho bitewe n'imyiteguro yakozwe ijyanye n'imiterere y'uwo mukino.



6. Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kumenyekanisha ibirimo bibera muri stade (sonorisation) kugirango abarimo kureba umupira babe babona amakuru y'ibibera muri stade kuburyo bworoshye.
7. Gukorana n'abikorera babishaka kandi babishoboye bakaba batanga serivise zijyanye n'ibiribwa ndetse n'ibinyobwa byemewe kugirango bifashe abafana bashaka kugera kuri stade hakiri kare.
8. Abantu badafite ubutumire ndetse n'abantu batari mu kazi bizwi barashishikarizwa kugura amatike kandi bakanyura ahavuzwe haruguru hazajya hagenzurirwa amatike.
9. Imbere ya stade ahataragenewe guhagarara (parking) nta modoka yemerewe kuhahagarara uretse imodoka z'amakipe yakinye ndetse n'imbangukiragutabara. Izindi zizajya zerekwa n'inzego zibishinzwe aho zigomba guhagarara.
10. Imbere muri stade hagomba kujyamo abantu bashizwe kwerekana aho abafana bagomba kwicara bakunganirwa n'inzego z'umutekano.
11. Munyungu z'umutekano rusange abaje muri stade bazakomeza kujya bibutswa ibyo bagomba kubahiriza, uwaba atabyubahirije akaba yafatirwa ibyemezo.
12. Mbere ya buri mukino hazajya haba Inama ihuza abantu bose bireba kugirango hanozwe imyiteguro.

ICYITONDERWA

Amabwiriza yo gukumira no kwirinda COVID -19 kuri stade agomba kubahirizwa.

Nyuma y'inama abayitabiriye bagiye gusura abarwayi 4 bari bakirwariye mu bitaro bya KABUTARE basanga baritaweho kandi bashobora gusezererwa vuba. Baboneraho umwanya wo kubihanganisha kandi babizeza ubufasha mu kubavuzwa.

Turabashimiye


MANIRAGUHA Jean Damascene
 President
 Mukura Victory Sport & Loisirs